

Icyemezo mu rubanza RP0002/12/HCCI

URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAHA BYAMBUKA IMBIBI, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RUBANZIRIZA URUNDI MU RUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 21/01/2015 MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA

UBUSHINJACYAHA

na

UREGWA:

Jean UWINKINDI mwene Subwanone na Ntizisigwa wavutse mu 1951 muri Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri Komine Kanzeze, secteur Kayumba, selire Gatare; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba afungiyeye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyirirwaho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekwayo yaba yarakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me Gatera Gashabana na Me Niyibizi Jean Baptiste

IBYAHA AREGWA:

- icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'ya 3(c) ya 'Convention on the Prevention and punishment of the Crime of Genocide'¹;

¹ icyemezo cya General Assembly Numero 206(II)jyoye kuwa 9 december 1948 cyasinywe n'u Rwanda kandi kinjizwa mu mategeko y'u Rwanda n'itegeko-teka numero 08/75 yo kuwa 12/02/1975, bishyirwa mu igazeta ya Leta y'u Rwanda(1975), p 230.



Icyemezo mu rubanza RP0002/12/HCCI

- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo za 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

1. Ku itariki ya 30/12/2014, Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste, bunganira UWINKINDI Jean, basabye ko iburanisha ry'uru rubanza risubikwa kuko Minisiteri y'Ubutabera yasheshe amasezerano yo kunganira UWINKINDI Jean, bahabwa integuza y'amezi atatu, bakaba bavuye ko batakomeza kunganira UWINKINDI Jean mu mizi y'urubanza icyo kibazo kidakemutse, kuko bumva icyo cyemezo cya Minisiteri y'Ubutabera kibashyira mu gihirahiro. Urukiko rwemeye gusubika iburanisha ry'urubanza kugira ngo abamwunganira bakomeze imishyikirano na Minisiteri y'Ubutabera, iburanisha ryimurirwa kuwa 8/01/2015.
2. Kuri icyo tariki, ikibazo cyagarutse ari cya kindi, urukiko rwemeza ko mu gihe abunganira UWINKINDI Jean bataravuye ko bavuye mu rubanza, urukiko rufata ko UWINKINDI Jean acyunganiwe, bityo iburanisha mu mizi rigomba gukomeza, ryimurirwa kuwa 15/01/2015.
3. Ku itariki ya 13/01/2015, UWINKINDI Jean yandikiye urukiko arumenyesha ko afite impungenge ko nubwo hemejwe ko acyunganiwe na Me GATERA GASHABANA na Me Jean Baptiste NIYIBIZI, iburanisha rikaba rigomba gukomeza, asanga batakomeza kumwunganira bari mu gihirahiro. Asaba urukiko ko iburanisha ryahagarara kugira ngo ikibazo abamwunganira bagiranye na Minisiteri y'Ubutabera ku byerekeye ibihembo byabo gikemuke.
4. Ku itariki ya 15/01/2015, nyuma y'uko urukiko rumaze kubona ko ibyo UWINKINDI Jean yanditse byafashweho icyemezo mu iburanisha ryo kuwa 08/01/2015 no mu maburanisha yabanjirije iri, rwamenyesheje ababuranyi ko iburanisha rikomeje. Me GATERA GASHABANA na Me Jean Baptiste NIYIBIZI bahise bajuririra icyo cyemezo, basaba ko iburanisha ryaba rihagaze kugira ngo Urukiko



icyemezo mu rubanza RP0002/12/HCCI

rw'Ikirenga rufate icyemezo ku bujuriye bwabo. Urukiko rwemeje ko ubujuriye bwabo budahagarika iburanisha.

5. Me GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bahise bavuga ko nubwo bakomeje kwunganira UWINKINDI Jean, bikuye mu iburanisha(retrait de comparution) kugira ngo bajye gutanga ubujuriye mu Rukiko rw'Ikirenga. UWINKINDI Jean asigara atunganiwe.
6. Urukiko rumaze kubona ko UWINKINDI Jean atunganiwe rwahise rufata icyemezo cyo gusubika iburanisha, rutegeka ko abamwunganira bacibwa ihazabu mbonezamubano ya 500.000 frw kuri buri wese kuko batereranye UWINKINDI Jean bagamije gutinza urubanza. Iburanisha ryimurirwa kuwa 21/01/2015.
7. Mu iburanisha ryo kuwa 21/01/2015, Ubushinjacyaha na UWINKINDI Jean bitabye urukiko, ariko abunganira UWINKINDI Jean bo batitabye kandi nta mpamvu bamenyesheje urukiko.
8. UWINKINDI Jean yabajijwe niba aburana atunganiwe, avuga ko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bakimwunganira nubwo batabonetse mu iburanisha kandi ko adashobora kuburana atunganiwe.
9. Ubushinjacyaha buvuga ko abunganira UWINKINDI Jean bafashe icyemezo cyo kuva mu rubanza, batacyunganira UWINKINDI, busaba ko yashakirwa abandi bamwunganira.
10. Hakaba hagomba gusuzumwa niba UWINKINDI Jean yaba agifite ubwunganizi.



II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

11. UWINKINDI Jean yamenyesheje urukiko ko ataburana atunganiwe kuko atize amategeko. Avuga ko ikibazo abamwunganira bagejeje ku rukiko cyageze mu maboko yabashinzwe kugikemura, ko kitazatinda, ko rero we akeneye kuburana ariko akaburana yunganiwe.
12. Ubushinjacyaha busanga koko UWINKINDI Jean adashobora kuburana atunganiwe, ariko busaba ko hakwemezwa ko UWINKINDI Jean ashakirwa abandi bamwunganira kuko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bafashe icyemezo cyo kwivana mu rubanza, ko batacyunganira UWINKINDI Jean.
13. Urukiko rurasanga ari uburenganzira budahungabanywa bw'uregwa bwo kuburana yunganiwe mu bihe byose, nk'uko biteganywa mu ngingo ya 18 y'itegeko Nshinga rya Repubulika y'u RWANDA, bityo UWINKINDI Jean akaba ataburana atunganiwe.
14. Rusanga nubwo UWINKINDI Jean, Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bakomeza kuvuga ko UWINKINDI Jean yunganiwe, imyitwarire yabo yo kwikura mu iburanisha kuwa 15/01/2015 ndetse no kutitabira iburanisha ry'uyu muni, bigaragaza ko UWINKINDI Jean atacyunganirwe, bityo rero kuba nta bwunganizi afite, inzego zibishinzwe zikaba zabumushakira.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

15. Urukiko rwemeje ko UWINKINDI Jean nta bwunganizi afite.
16. Rutegetse ko inzego zibishinzwe zimufasha kubona ubwunganizi.
17. Rutegetse ko iburanisha ry'uru rubanza rizakomeza kuwa 05/02/2015 saa mbiri n'igice.



icyemezo mu rubanza RP0002/12/HCCI

RUKIJJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE TARIKI YA
21/01/2015.

Sé
NGENDAKURIYO R. Alice
Perezida

Sé
KANYEGERI Timothée
Umucamanza

Sé
NSANZIMANA Fidèle
Umucamanza

Sé
NYAMUTAMA Hypax
Greffier

Copie certifiée conforme à l'original
Fait à KIGALI, le... 22/01/2015
Greffier.....



Mubonye 26/11/2015
Zumuyorokere pasteur Jean Uwimana 1495
[Signature]

icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAHA BYAMBUKA IMBIBI, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RUBANZIRIZA URUNDI MU RUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 06/02/2015 MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA



REPUBLIKI Y'URWANDA

REPUBLIC OF RWANDA

UBUSHINJACYAHA

na

UREGWA:

UWINKINDI Jean mwene Subwanone na Ntizisigwa wavutse mu 1951 muri Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri komine Kanzeze, secteur Kayumba, sellre Gatare; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba afungiyeye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyirwaho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekweho yaba yarakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar.

IBYAHA AREGWA:

Icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategako ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'ya 3(c) ya 'Convention on the Prevention and punishment of the Crime of Genocide';

¹ icyemezo cya General Assembly Numero 206(III) cyo kuwa 9 december 1948 cyasinywe n'u Rwanda kinjizwa mu mategeko y'u Rwanda n'itegeko-teka numero 08/75 yo kuwa 12/02/1975, bishyirwa mu Itangaho Leta y'U Rwanda(1975), p.230.



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo za 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

1. Ku itariki ya 05/02/2015, UWINKINDI Jean yamenyesheje urukiko ko atunganiwe kuko abo yagenewe n'Urugaga rw'abavoka atari abavoka be. Avuga ko bagenwe mu buryo budakurikije amategeko kuko ari we wagombye guhitamo abamwunganira ku rutonde rw'abavoka bagize Urugaga mu Rwanda.
2. Ubushinjacyaha buvuga ko nta tegeko na rimwe rivuga ko uregwa udafite ubushobozi bwo kwiyishyurira abamwunganira agomba kwihitiramo abamwunganira, ahubwo ko yunganirwa n'abo agenewe n'Urugaga rw'abavoka.
3. Hakaba hagomba gusuzumwa niba kuba UWINKINDI Jean yaragenewe abunganizi atihitanyemo binyuranyije n'amategeko.

II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

4. Ku itariki ya 21/01/2015, urukiko rumaze kubona ko UWINKINDI Jean atunganiwe kuko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bivanye mu rubanza, rwafashe icyemezo cyo gusaba inzego zibishinzwe kumufasha kubona ubwunganizi.
5. Ku itariki ya 05/02/2015, UWINKINDI Jean yitabye urukiko hari na Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA ISSACAR bagenwe n'Urugaga rw'abavoka kugira ngo basimbure Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste mu kunganira UWINKINDI Jean.



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

6. UWINKINDI Jean yamenyesheje Urukiko ko Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar atari abunganizi be kuko asanga baragenwe mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa mu ngingo ya 14 y'itegeko № 09/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, mu gace kayo ka 6 . Asobanura ko Urugaga rw'abavoka rwagombaga kumuha urutonde rw'abavoka akihitiramo kandi ko nabo bamugeneye ntakimugaragariza ko ari abavoka kuko batanagaragara ku rutonde rw'abavoka yashyikirijwe kuwa 26/04/2012. Akaba asaba urukiko gutegeka urugaga rw'abavoka kumushyikiriza urutonde rw'abavoka kugira ngo yihitiramo umwunganira nk'uko bari barabikoze akigera mu Rwanda.
7. Me HISHAMUNDA Issacar na Me NGABONZIZA Joseph bo bavuga ko bari mu rubanza nk'abahiswemo n'Urugaga rw'abavoka ngo bunganire UWINKINDI Jean kandi akaba ari inshingano yabo kubahiriza ibyo basabwa n'Urugaga.
8. Ubushinjacyaha buvuga ko ingingo ya 14 igika cya 6 y'itegeko № 09/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu iteganywa ko uregwa yihitiramo umwunganira mu gihe afite ubushobozi bwo kumwishyura, ataba amufite akamugenera n'Urugaga. Ibi bikaba bihura n'ibyemezo byagiye bifatwa n'Inkiko Mpuzamahanga Mpanabyaha zashyiriweho icyahozze ari Yougoslavie ndetse n'u Rwanda²:
9. Bityo bo bakaba basanga mu gihe Urugaga rwamaze kumugenera abamwunganira, Uwinkindi Jean we akaba agaragaza ko atabashaka, yahitamo inzira zikurikira: kwishakira umwunganira akamwiyishyurira, kuburana atunganiwe, cyangwa akava mu rubanza iburanisha rigakomeza.

² Mu rubanza ICTR - 96-4 - A Umushinjacyaha C/AKAYESU rwaciye kuwa 1/06/2001, mu rubanza ICTR - 00-39-A Ubushinjacyaha C/MOMCILO KRAJISNIK rwaciye kuwa 17/03/2009, mu rubanza ICTR 97-23 -A rwaciye kuwa 19/10/2000 no mu rubanza ICTR- 99-52- A NAHIMANA Ferdinand na bagenzi be C/Umushinjacyaha.



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

10. Ingingo ya 14 agace ka 6 y'itegeko № 47/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u RWANDA iteganya ko "uregwa mu rubanza rwimurirwa mu Rwanda ruvuye muri TPIR, mu Rwego cyangwa mu bindi bihugu, afite uburenganzira bwo kunganirwa na avoka yihitiyemo mu ibazwa iryo ari ryo ryose; ko igihe nta bushobozi afite bwo kumuhemba ahabwa umwunganira³;
11. Urukiko rurasanga hashingiwe kuri iyi ngingo, uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganizi bufitwe n'ufite ubushobozi bwo kumwiyishurira. Naho utabufite akaba yamugenera n'Urugaga rw'abavoka ku buntu. Ibi ni nako byemejwe mu rubanza rwa AKAYESU Jean Paul rwaciwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyirweho u Rwanda, aho rwavuze ko kuba uregwa afite uburenganzira bwo kunganirwa ku buntu bitamuha uburenganzira bwo kwihitiramo uwo ashaka, kuko ufite ubushobozi bwo kwirihira umwunganizi ari we ufite uburenganzira bwo kwihitiramo uwo ashaka³.
12. Urukiko rubona kandi n'ubwo UWINKINDI Jean avuga ko mu kumugenera abunganizi bashya, Urugaga rw'Abavoka rwagombye kumuha urutonde rw'abavoka akihitiramo nk'uko byari byagenze akigezwa mu Rwanda, ubwo buryo bwari bwakoreshejwe atari itegeko ku buryo yabifata nk'uburenganzira budakuka. Uyu ni nawo murongo wafashwe mu rubanza rwa AKAYESU Jean Paul rwavuzwe haruguru aho urukiko rwemeje ko n'ubwo mu mikorere ya y'ubwanditsi bw'urwo rukiko uregwa utishoboye ashobora kwemererwa kwihitiramo umwunganira ku rutonde rw'abunganizi, umwanditsi adategetswe gukurikiza ihitamo ry'uregwa, ko ahubwo, mu bushishozi bwe mu nyungu z'ubutabera, afite ububasha bwo kubikurikiza cyangwa kutabikurikiza⁴.

³ « La chambre d'Appel considère qu'en principe, le droit à l'assistance gratuite d'un avocat ne confère pas le droit de choisir celui-ci. Le droit de choisir son avocat est uniquement garanti aux accusés qui peuvent obtenir financièrement les frais d'un conseil ». (ICTR - 96-4 - A Procureur C/AKAYESU du 1/06/2001, par 33).

⁴ « Certes, en pratique, l'accusé indigent a la possibilité de choisir parmi les avocats figurant sur la liste de la Greffe. Le Greffier prend généralement en considération le choix de l'accusé. Il n'en reste pas moins que, au sein de la Chambre d'Appel, le Greffier n'est pas forcément lié par les vœux de l'accusé indigent et a un large pouvoir d'appréciation, qu'il exerce dans l'intérêt de la justice » (ICTR - 96-4 - A. Procureur C/AKAYESU du 1/06/2001, par 64).



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

13. Bityo rero, Urukiko rurasanga Urugaga rw'abavoka ari rwo rufite ububasha bwo guha UWINKINDI Jean abunganizi bitabaye ngombwa ko abanza kwihitiramo abo ashaka, ku buryo ibyo UWINKINDI Jean avuga ko nk'umuntu utishoboye yahawe abunganizi mu buryo bunyuranyije n'amategeko ku buryo badashobora kumwunganira nta shingiro bifite.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

14. Urukiko rwemeje ko Me NGABONZIZA JOSEPH na Me HISHAMUNDA ISAACAR bagenwe n'Urugaga rw'abavoka nk'abunganizi ba UWINKINDI JEAN mu buryo bukurikije amategeko.
15. Urukiko rwemeje ko iburanisha ry'urubanza rikomeza.

RUKIJJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE TARIKI YA 06/02/2015.

Sé
NGENDAKURIYO R. Alice
Perezida

Sé
KANYEGERI Timothée
Umucamanza

Sé
NSANZIMANA Fidèle
Umucamanza

Sé
MUKAMUNANA Patricie
Greffier

Copie certifiée conforme à l'original
Fait à KIGALI, le... 06/02/2015
Greffier... MUKAMUNANA Patricie



IKIZA RY'URUBANZA RPA 0011/15/CS

Ururapuro rwa I

URUKIKO RW'IKIRENGA RURI I KIGALI, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'INSHINJABYAHA, RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RPA 0011/15/CS KU WA 24/4/2015 MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANYI

UBUSHINJACYAHA

na



UWINKINDI Jean (wajuriye), mwene SUBWANONE na NTIZISIGWA, wavukiye mu Rutsiro mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda mu 1951, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri Komine Kanzenze, Segiteri Kayumba, Selire Gatara; yashakariye na KABAGWIRA Rose, bafitanye abana umunani (8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu afungiyeye muri Gereza Nkuru ya Nyarugenge nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyirwaho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekweho kuba yarakoreye mu Rwanda.

IBYAHA AREGWA :

- icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igatabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya 1 ndetse n'ya 3 (c) ya « *Convention on the Prevention and Punishment of the Crime of Genocide* »;
- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za 120 al. 2 ndetse na 121 z'igatabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

(Kujuririra urubanza rubanziriza urundi mu rubanza n° RP 0002/12/HCCI rwaciye n'Urukiko Rukuru, Urugereko Rwihariye ruburanisha ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi, ku itariki ya 06/02/2015).

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- II) Ku itariki ya 21/01/2015, Urukiko Rukuru, Urugereko Rwihariye ruburanisha ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi (HCCI)

¹ icyemezo cy'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye N° 206 (iii) cyo kuwa 09/12/1948 cyashyirwemo n'u Rwanda kandi kinjizwa mu mategeko y'u Rwanda n'itegeko-Teka numero 08/75 yo ku wa 12/02/1975, bishyirwa mu Igazeti ya Leta y'u Rwanda (1975), p.230.

rwafashe icyemezo cyo gusaba inzego zibishinzwe gufasha UWINKINDI Jean kubona ubwunganizi nyuma y'uko rumaze kubona ko abamwunganiraga aribo Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean-Baptiste bivanye mu rubanza.

- (2) Ku itariki ya 05/02/2015, UWINKINDI Jean yitabye Urukiko Rukuru hari Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Isacaar bagenwe n'Urugaga rw'abavoka nk'abunganizi be. icyo gihe nibwo UWINKINDI Jean yatanze inzitizi yo kuba yaragenewe abunganizi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko atabihitiyemo.
- (3) Mu rubanza rubanziriza urundi n° RP 0002/12/HCCI rwo ku wa 06/02/2015, Urukiko Rukuru (HCCI) rwemeje ko Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Isacaar bagenwe n'Urugaga rw'abavoka mu buryo bukurikije amategeko.
- (4) Mu gufata icyemezo, urwo rukiko rwashingiye ku ngingo ya 14, igika cya 6 y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, rusanga uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganizi bufitwe n'ufite ubushobozi bwo kumwiyishyurira, naho utabufite akaba yamugenerwa n'Urugaga rw'abavoka ku buntu.
- (5) Urwo rukiko rwashingiye nanone ku rubanza rwa AKAYESU Jean-Paul rwaciwe na TPIR rusanga ko, n'ubwo UWINKINDI Jean akigezwa mu Rwanda yahawe urutonde rw'abavoka akihitiramo, bitari itegeko ku buryo yabifata nk'uburenganzira budakuka.
- (6) UWINKINDI Jean yajuririye icyo cyemezo mu Rukiko rw'ikirenga ku wa 03/03/2015, avuga ko yambuwe uburenganzira bwo kwiregura no kunganirwa ahabwa n'ingingo ya 18, igika cya gatatu (3), y'Itegeko Nshinga, ingingo ya 150,3° y'Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ndetse n'ingingo ya 14, 6° y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda.
- (7) Ubushinjacyaha bwatanze inzitizi yo kutakira ubujurire bwatanzwe na UWINKINDI Jean kuko bwatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ko ariko Urukiko rubibonye ukundi rwakwemeza ko ubwo bujurire nta shingiro bufite.
- (8) Iburanisha kuri ubwo bujurire ryashyizwe ku itariki ya 9/3/2015, ariko uwo munsu urubanza ntirwaburanishwa kuko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bari bazanwe na UWINKINDI Jean kumwunganira batari bemerewe kuburana kuko bari batarishyura ihazabu bari baraciwe n'Urukiko, urubanza rwimurirwa ku itariki ya 6/4/2015. Uwo munsu ugeze, nyuma-yo kubona ko noneho abunganizi ba UWINKINDI Jean bashyize mu bikorwa ibyo bari

Urukiko, iburanisha ryabereye mu ruhamwe UWINKINDI Jean wabashinjacyaha na Me GATERA GASHABANA afatanyije na Me NIYIBIZI Jean Baptiste. Ubushinjacyaha buhagarariwe na RUBERWA Bonaventure wabashinjacyaha na MUTANGANA Jean Bosco, bombi bakaba ari abashinjacyaha ku macyi w'igihugu.

B. BBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO.

A. Kumenya niba ubujurire bwa UWINKINDI Jean bwaratanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

- (i) Abahagarariye Ubushinjacyaha bavuga ko hashingiwe ku ngingo ya 162 y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/6/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezambano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ubujurire ku manza zibanziriza izindi busuzumirwa hamwe n'urubanza mu mizi. Bavuga kandi ko icyo gitekerezo ari na cyo gikubiye mu ngingo ya 34,10° y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ibuza Umwanditsi Mukuru kwakira ubujurire bw'imanza zibanziriza izindi budakorewe hamwe n'urubanza mu mizi. Barangiza basaba Urukiko gufata icyemezo hashingiwe ku bisanzwe biteganyijwe n'amategeko asanzwe y'u Rwanda, kubera ko ingingo ya 18 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda itagennye uburyo ubujurire bugomba gukorwa.
- (ii) UWINKINDI Jean avuga ko iyi nzitizi ititaye ku ngingo yashinyeho ajurira harimo ingingo ya 18 n'ya 27 z'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda ivuga ko iyo hagonyanye amategeko abiri, iri ari ryo rigomba gukurikizwa. Avuga kandi ko hashingiwe ku ngingo ya 180 y'Itegeko rigena imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, urubanza rwari kuba ruhagaze kugeza ubujurire burangije gusuzumwa, kubera ko mu bintu yajuririyeho harimo ikintu gikomeye cyabangamira urubanza mu mizi kuko rutakomeza adafite abamwunganira, ko icyo gihe nta n'urubanza yaba afite.
- (iii) Me NIYIBIZI Jean Baptiste avuga ko uruhande rw'ubwunganizi rubona ko inzitizi yo kutakira ubujurire nta shingiro yababwira kubera ko UWINKINDI Jean yajuririyeho ashinyeho ku ngingo ya 18 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda iha uburenganzira ababuranyi bwo kujuririra icyemezo icyo aricyo cyose gifashwe n'Urukiko Rukuru, ngo kandi ibyo UWINKINDI Jean yarabikoze. Akomeza avuga ko ibyo abigaragaje kubera ko UWINKINDI Jean yambuwe uburenganzira bwo kunganirwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ivuga ko kunganirwa ari uburenganzira ntayegayezwa ahantu hose no mu bihe byose.

- (12) Avuga kandi ko abona ingingo ya 162 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu itashingirwaho kuko itareba imanza z'inshinjabyaha, ko byongeye kandi, kuba uru rubanza ari urwoherejwe mu Rwanda n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha, hari Itegeko ridasanzwe riteganywa uburyo izi manza zigomba kuburanishwamo, iri akaba ariryo rigomba gukurikizwa mbere y'Itegeko risanzwe mu gihe harimo kuvuguruzanya. Akavuga ko ari muri urwo rwego, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 18 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, UWINKINDI Jean afite uburenganzira bwo guhitamo abamwunganira, ko kandi nta kibuzwa ko yari kujuririra icyemezo cyamwimye ubwo burenganzira.
- (13) Asoza avuga ko ingingo ya 34,10° y'Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga yubahirizwa n'Umwanditsi Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, uyu akaba yarakiriye ubu bujuriye abuha numero, anafata icyemezo ko bwakiriwe.
- (14) Me GATERA GASHABANA nawe avuga ko inzitizi y'Ubushinjacyaha nta shingiro yahabwa kuko icyemezo kijuririrwa atari icy'agateganyo (provisoire), ko ahubwo hakurikijwe ingingo ya 14 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira mu by'imbonezamubano na politike (Pacte International relatif aux droits civils et politiques) yashyizweho umukono na Repubulika y'u Rwanda mu 1975, ari icyemezo ntakuka cyarangije kuba itegeko ku nzitizi yari yatanze yerekeranye n'uburenganzira UWINKINDI Jean atahawe bwo kunganirwa, kandi ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'ya 14 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda zimwemerera uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganira.
- (15) Asoza avuga ko ingingo ya 18 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, ari Itegeko ryihariye rihwa UWINKINDI Jean n'undi muburanyi wese uburenganzira bwo kujuririra icyemezo icyo aricyo cyose, ubwo bujuriye bugahita buhagarika urubanza rw'iremezo mu gihe hagitegerejwe icyemezo cy'Urukiko rwo hejuru, ko rero ibyo kuvuga ngo azategereze igihe urubanza mu mizi ruzacibwa nta shingiro bifite.

Uko Urukiko rubibona.

- (16) Ingingo ya 3, igika cya mbere, y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda ivuga ko « iri tegeko rireba imanza zoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda n'Urwego n'izivuye mu bindi bihugu zerekeranye n'icyaha-cya jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu ».

- (17) Ingingo ya 18 y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 riamaze kuvugwa, ivuga ko « *Umushinjacyaha n'uregwa bafite uburenganzira bwo kujuririra icyemezo icyo ari cyo cyose cyafashwe n'Urukiko Rukuru mu gihe hari imwe cyangwa zose mu mpamvu zikurikira* :
 1° ukwibeshya gushingiye ku ngingo y'itegeko gutuma icyo cyemezo gita agaciro ;
 2° ukwibeshya gushingiye ku byabaye kwatumye urubanza rucibwa nabi.
- Urukiko rw'Ikirenga rushobora kwemeza ibyemezo byose by'Urukiko Rukuru cyangwa bimwe muri byo cyangwa kutabyemeza byose. Iyo bibaye ngombwa, rushobora gutegeka Urukiko Rukuru ko urubanza rusubirwamo. »*
- (18) Ingingo ya 27 y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rimaze kuvugwa, iteganya ko « *Iri tegeko ari ryo rikurikizwa, igihe hari aho rinyuranyije n'andi mategeko asanzwe* ».
- (19) Ingingo ya 34, 10° y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko « *mbere y'uko ibirego by'ubujurire byandikwa mu bitabo by'Urukiko, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga abanza gusuzuma ko bikwiye kwakirwa ngo biburanishwe n'urwo Rukiko. Ntashobora kwakira ikirego ngo acyandike mu gihe [...] hatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko ubujurire ku rubanza rubanziriza urundi budakorewe hamwe n'urubanza rwose* » [...].
- (20) Ingingo ya 162, igika cya kabiri, y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko « *kujuririra imanza zibanziriza izindi bikorwa gusa iyo urubanza rw'iremezo rwaciwe kandi bigakorerwa rimwe. Muri icyo gihe, igihe cyo kujuririra urubanza rubanziriza urundi gitangira kubarwa kuva ku munsu urubanza rw'iremezo rwamenyesherejweho umuburanyi* ».
- (21) Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rurasanga, kuba iki kirego cyarakiriwe binyuze mu nzira zisanze zinyuzwamo ibirego, Umwanditsi Mukuru akaba yaracyakiriye akagiha nimeru, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akagenda umunsi w'iburanisha, icyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyarabaye ndakuka, bityo akaba nta mpamvu yo kukigarukaho.
- (22) Urukiko rurasanga kandi, kuba ingingo ya 18 y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 ryavuzwe haruguru yaravuze ko icyemezo icyo ari cyo cyose cyafashwe n'Urukiko Rukuru gishobora kujuririrwa, iri tegeko kandi akaba ari ryo rigomba gukurikizwa hatitawe ku bivugwa mu yandi mategeko mu gihe yaba anyuranya na ryo, UWINKINDI Jean yari afite uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cyafashwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko Rwihariye ruburanisha ibyaha

byo mu rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi (HCCI), ku birebana n'iyunganirwa.

- (23) Urukiko rurasanga kandi, uretse n'ibimaze gusobanurwa mu gika kibanziriza iki, icyemezo cyajuririwe cyiswe urubanza rubanziriza urundi, iyo ugisesenguye neza usanga kitari mu rwego rw'imanza zibanziriza izindi zivugwa mu ngingo ya 162 y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, kubera ko iki cyemezo cyafashwe mu buryo budasubirwaho mu rwego rwo kurangiza impaka zari zavutse ku kibazo kijyanye no kunganirwa kwa UWINKINDI Jean mu Rukiko Rukuru, mu gihe imanza zibanziriza izindi ari izikemura ibibazo biba bishamikiye ku rubanza nyirizina ruba ruburanishwa.
- (24) Mu gusobanura itandukaniro ry'izo manza, abahanga mu mategeko bavuga ko imanza z'iremezo zirangiza impaka ku buryo bitazaba ngombwa kubigarukaho, mu gihe imanza zibanziriza izindi zo zitarangiza ikibazo ahubwo ari icyemezo bifatwa hagati mu rubanza hagamijwe kugira inyungu zirengerwa urubanza rutararangira cyangwa se hagamijwe gushakisha ibyafasha mu guca urubanza (les jugements définitifs mettent fin à une contestation, de telle sorte qu'il n'y aura pas lieu d'y revenir tandis que les jugements avant dire droit ne règlent pas le litige, mais, rendus au cours de l'instance, ils assurent la protection de certains intérêts durant le procès (jugements provisoires) ou permettent de réunir des éléments utiles pour parvenir à une solution (jugements relatifs à l'instruction) ².
- (25) Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga inzitizi yabyukijwe n'Ubushinjacyaha irebana no kutakira ubujurire bwatanzwe na UWINKINDI Jean nta shingiro ifite, ubujurire bwe bukaba bugomba kwakirwa bugasuzumwa.

B. Kumenya niba UWINKINDI Jean afite uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganira.

- (26) UWINKINDI Jean avuga ko impamvu ye y'ubujurire ishingiyemo ahanini ku burenganzira bwo kunganirwa mu mategeko n'abo yihitiyemo kandi akaba abuhabwa n'amategeko, ko ku itariki ya 5/2/2015 yahatiwe kuburana atunganiwe, anahatirwa kwemera abavoka atazi uko baje muri dosiye ye kuko ntabwo yahisemo nyuma yo kwamburwa abo yari asanganwe; akavuga ko ibyo byakozwe binyuranye n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 14 y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda.

² Jacques Ghestin, Gilles Goubeaux avec le concours de Muriel Fabre-Magnan, *Traité de Droit Civil*, Introduction Générale, 4^{ème} Edition, P. 588, Para. 617 in fine.

- (27) Avuga kandi ko Me HISHAMUNDA Isacaar na Me NGABONZIZA Joseph, yagenewe n'Urugaga rw'abavoka, n'ubwo nta ruhare yagize mu kubashyiraho, ibyo akaba abinenga, nta n'ubushobozi bwo kuburana urubanza nk'urwe bafite ngo kuko Me NGABONZIZA Joseph nta burambe buhagije afite, naho Me HISHAMUNDA Isacaar Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga rukaba rwarafashe icyemezo ko nta bushobozi bwo kuburana imanza nk'izi afite.
- (28) Avuga ko urubanza rwe rwari rugeze kure ndetse rwenda kurangira kubera ko rwari rugeze igihe cyo kumva abatangabuhamya, ko icyo gihe aribwo abunganizi be bahagaritswe bikoze n'Urukiko, mu gihe yaje avuye Arusha yizeye guhabwa ubutabera buboneye nk'uko u Rwanda rwari rwarabyiyemeje.
- (29) UWINKINDI Jean avuga kandi ko hakozwe amakosa atatu, ayo akaba ari ukuba Urukiko rwarakiriye ibyemezo by'izindi nkiko (jurisprudence) kandi iburanisha ryari ryarangiyeye, akaba atarahawe umwanya wo kubyireguraho; kuba atarigeze yanga abunganizi ahubwo Urukiko rwarirukanye abunganizi be, bitandukanye n'ibya AKAYESU uvugwa muri « *jurisprudence* » kuko we yabanze; no kuba Urukiko rwarirengagije ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda aho ivuga ko Itegeko rirengera abantu bose kimwe, nta vangura iryo ariryo ryose ribayeho, akavuga ko atahawe urutonde ngo yihitiremo abamwunganira mu gihe amategeko abiteganyaga ndetse hakaba hariho n'abandi babikorewe, harimo MUNYAGISHARI na MBARUSHIMANA, uyu ibye bikaba byarabaye ku itariki ya 25/03/2015.
- (30) UWINKINDI Jean asaba ko yakwemererwa kugumana abunganizi asanganywe kuko urubanza rwe rwenda kurangira kandi akaba nta kosa bakoze, bityo urubanza rugakomereza aho bari baragereje, ngo bitabaye ibyo agahabwa urutonde akihitiramo abandi bamwunganira, ariko bagahabwa umwanya uhagije wo kwiga urubanza, mbese bikaba nk'aho ari ugutangira bushyashya kuko aregwa ibyaha bikomeye.
- (31) Me NIYIBIZI Jean Baptiste ashimangira imvugo za UWINKINDI Jean avuga ko uwo yunganira yimwe uburenganzira bwo kunganirwa mu mategeko n'uwo yihitiyemo nyuma y'aho hafatiwe icyemezo ko nta bamwunganira afite, ko ibyo kwihitiramo aribwo bisanzwe bikurikizwa, ko ndetse afite ibaruwa imushyira mu rubanza rwa MUNYAGISHARI nyuma y'aho uyu ari we umuhisemo, ngo kandi ibi akaba ari nabyo bikurikizwa mu nkiko mpuzamahanga harimo n'urwa Arusha.
- (32) Avuga ko « *jurisprudence* » yatanze n'Ubushinjacyaha idahuye n'urubanza rwa UWINKINDI Jean, kuko we adashaka guhindura abunganizi nka AKAYESU wanabyangiye mu rwego rwo kugira ngo habeho ubutabera bunozwe, ahubwo we ashaka kubagumana muri rwa rwego nyine rwo kugirango abone ubutabera buboneye.

- (33) Avuga kandi ko n'iyi jurisprudence Urukiko rwakoresheje mu gufata icyemezo rutari kuyishingiraho kandi rwarayishyikirijwe nyuma y'ipfundikirwa ry'urubanza hatabayeho gusubukura ngo na UWINKINDI Jean agire icyo ayivugaho, ngo ibyo bikaba binyuranye n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.
- (34) Ku birebana na « *jurisprudence* » yavuzwe haruguru, avuga ko impamvu Urukiko mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rukorera Arusha rwangiye AKAYESU guhindura abunganizi, rwavuze ko ari ukugira ngo habeho imigendekere myiza y'urubanza, we rero akibaza impamvu UWINKINDI Jean yahindurirwa abunganizi bamaze imyaka ibiri n'igice mu rubanza, bakaba barakoze imyanzuro iri ku mpapuro 120, agasanga abunganizi bashya bashyirwaho batashobora kuyisobanura mu rukiko, ko n'iyi bayiga bwa butabera bubonye butaba bukigezweho.
- (35) Arangiza asaba ko Urukiko rwareka UWINKINDI Jean agakomezanya n'abunganizi yari afite, kuko abo yagenewe n'Urukiko, uretse no kuba ntabo yahisemo, ntibanafite n'uburambe bw'imyaka icumi (10) busabwa kugira ngo umuntu aburane bene izi manza.
- (36) Me GATERA GASHABANA na we avuga ko Urukiko Rukuru rwakoze ikosa, rusobanura nabi ingingo ya 14,6° rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, rwemeza ko ufite uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganizi ari ufite ubushobozi, ko iyo atabufite amugenerwa n'Urukiko. Avuga ko ibi atariko bimeze ashingiyeye ku ihame rikubiye mu ingingo ya 14 (d) y'amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira mu by'imbenezamubano na politike (Pacte International relatif aux droits civils et politiques) rivuga ko abantu bose bangana imbere y'inkiko, ko kandi bagomba kungahirwa n'abo bihitiyemo, baba bafite ubushobozi bwo kubishyura cyangwa se baba batabufite, ko kandi ayo masezerano aza mbere y'amategeko y'u Rwanda.
- (37) Me GATERA GASHABANA avuga ko ihame Urugaga rw'abavoka rugenderaho ari uguha umuburanyi umwunganira yihitiyemo, ko ubuyobozi bugomba gukora ibishoboka byose iryo hame rikubahirizwa. Akomeza avuga ko Urukiko Rukuru rwafashe icyemezo kinyuranyije n'iryo hame, ko kandi abunganizi UWINKINDI Jean yari yarihitiyemo birukanwe n'Urukiko biturutse ku mategeko yari akubiye mu ibaruwa yanditswe na Minisiteri y'Ubutabera, ko imikorere nk'iyi inyuranye n'Itegeko Nshinga kuko ubutegetsu bw'ubutabera (pouvoir judiciaire) bwigenga, bagasaba ko ubutegetsu nyubahirizategeko (pouvoir exécutif) butazongera kwivanga mu butabera. Arangiza asaba ko UWINKINDI Jean yakunganirwa n'abunganizi yihitiyemo kubera ko abyemererwa n'amategeko.

- (38) Abahagarariye Ubushinjacyaha bavuga ko uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganizi mu rukiko atari ndakuka, cyane cyane ku muntu udafite ubushobozi bwo kumwiyishyurira, ko kugira ngo bene uwo muntu abone ubufasha bwo kunganirwa mu nkiko bigira uko bikorwa, ko Urugaga rw'abavoka rutanga abunganizi, Minisiteri y'Ubutabera igatanga amafaranga yo kubishyura.
- (39) Ku birebana na UWINKINDI Jean kimwe n'abandi bose boherejwe n'Urukiko Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda ruri Arusha ndetse n'ibindi bihugu, abahagarariye Ubushinjacyaha basobanura ko Minisiteri y'Ubutabera ubu yashyizeho gahunda yo kwishyura miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000) kuri buri rubanza kugeza rurangiye, ko ariko iyo gahunda yaje isanga Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bunganiraga UWINKINDI Jean bafite amasezerano yo kwishyurwa miliyoni imwe (1.000.000) buri kwezi kugeza urubanza rurangiye, bagejejweho iyo gahunda nshya barayanga amasezerano araseswa, akaba ari byo bita kwivanga kwa Minisiteri y'Ubutabera. Bagasanga abo bavoka batarirukanywe n'ubucamanza, ahubwo ari amasezerano bagiranye n'urugaga rw'abavoka yasheshwe kubera kutumvikana.
- (40) Bavuga ko nyuma y'aho abunganizi UWINKINDI yari afite baviriye mu rubanza, mu kumugenera abandi byakurikije amategeko kuko ingingo ya 14, 6° y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda iteganya ko mu gihe uregwa adafite ubushobozi bwo kwiyishyurira abamwunganira abahabwa, ko icyo gihe aba atagishoboye kwihitiramo, ko rero ibyo ari nako byagenze.
- (41) Basobanura ko ibibazo nk'ibi byagiye bivuka no mu nkiko mpuzamahanga bigafatwaho icyemezo, ko icyo bita uburenganzira bwo kunganirwa (right to counsel) izo nkiko zasobanuye ko uregwa afite uburenganzira bwo guhitamo umwunganira yishakiye, ko ariko ubwo burenganzira atari ndakuka, ko kandi bushobora kwangwa iyo uko guhitamo gukozwe urubanza rugeze hagati kandi bigaragara ko iryo hitamo rishobora kugira ingaruka zikomeye ku migendekere y'Urubanza (An accused has a right to elect self-representation but that right is not unlimited and may be denied where for instance the election is made mid trial and has the potential to seriously disrupt the proceedings). Ibyo babishingira ku rubanza rw'Ubujurire rwa Krajisnic, igika cya 118.
- (42) Bavuga ko izo nkiko zasobanuye kandi ko iyo uregwa yihitiyemo umwunganira yishakiye, atakaza uburenganzira bwo guhabwa ubufasha bw'abamwunganira n'iyi yaba ari uregwa utishoboye (If an accused elects self-representation, he forfeits the right to legal assistance, even if he is indigent). Ibyo bakabishingira ku rubanza rwa Vojslav Seselj ku bijyanye no gusuzugura Urukiko (Contempt), Case number IT-03-67-RR77.4-A Paragraph ya 39.

- (13) Urundi rugero rutangwa n'abahagarariye Ubushinjacyaha, ni urw'Urukiko Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) rwafashe icyemezo ko kuba uregwa utishoboye afite uburenganzira bwo kunganirwa neza bitavuze ko agomba kwihitiramo umwunganizi yishakiye, ko kandi uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganizi bureba gusa abaregwa bafite ubushobozi bwo kwiyishyurira ababunganira. (The right of an indigent defendant to effective representation does not entitle him to choose his own counsel. The right to choose counsel applies only to those accused who can financially bear the costs of counsel). Ibi bakabishingira ku rubanza rwa NAHIMANA na bagenzi be mu bujurire, urwa KAMBANDA mu bujurire, no ku rwa AKAYESU mu bujurire.
- (14) Mu gushimangira ko atari buri gihe uregwa yihitiramo abunganizi, abahagarariye Ubushinjacyaha bashingiye nanone ku cyemezo cyafashwe n'Urukiko Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), aho mu rubanza rwa AKAYESU umucamanza yavuze ko n'ubwo uregwa utishoboye ashobora guhitamo abamwunganira ku rutonde ruba rwatanzwe n'ubwanditsi, mu kumugenera umwunganizi umwanditsi w'Urukiko adategetswe kugendera ku byifuzo by'uregwa, ko n'ubwo amahitamo y'uregwa agomba kubahwa, ko ariko umwanditsi ashobora kutagena umwunganizi uregwa yatoranyije, iyo bigaragaye ko hari inyungu zindi uregwa afite, ko uregwa yari guhitamo undi atari impanvu ihagije ikwiye no gutuma urugereko rw'Ubujurire rusuzuma icyo kibazo kubera ko Umwanditsi afite ububasha busesuye akoresha mu nyungu z'Ubutabera (Although an indigent accused may choose from among a list of counsel generated by the registrar, the registrar is not necessarily bound by the indigent accused's wishes. The accused's choice regarding counsel "should be respected" but the registrar may decide not to appoint the accused first choice of counsel, if there are sufficient grounds overriding the accused's preference". That an accused would have preferred another counsel is not a sufficient basis to warrant intervention by the Appeals Chamber. The registrar has wide discretion, which he exercises in the interest of justice").
- (15) Bongeraho ko, kuba Urugaga rwarashyizeho abavoka bunganira UWINKINDI Jean, ndetse na Minisiteri y'Ubutabera ikemera kwishyura abo yari yarahisemo, ariko hagati aho amasezerano agaseswa biturutse ku kutumvikana kw'impande zombi, basanga agomba kwemera abavoka Urugaga rwamugeneye ari bo Me HISHAMUNDA Isacaar na Me NGABONZIZA Joseph kuko rwabikoze rwitaye ku nyungu z'ubutabera kubera ko abari basanzwe bamwunganira bari bivanye mu rubanza, atabemera agahitamo abo yashobora kwiyishyurira ku giti cye. Bagasobanura ko ibyo ari na ko byafashweho icyemezo mu rubanza rwa NAHIMANA n'Ubushinjacyaha muri TPIR, aho Urukiko rwavuze ko gushyiraho abandi bunganira uregwa, bidashobora kuba uretse iyo abari basanzwe bamwunganira bamaze kwikura mu rubanza (The appointment of new counsel cannot take place until existing counsel withdraws his or representation).

- (16) Basoza bavuga ko UWINKINDI Jean atakwitwaza ingingo ya 39 y'Itegeko rigena imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko umuntu ufunzwe n'Ubugenzacyaha afite uburenganzira bwo kugira umwunganira no kuvugana na we, ko iyo adashoboye kumwishakira amushakirwa, kandi akaba afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kutemera umwunganira ahawe, bakavuga ko UWINKINDI Jean adafite uburenganzira bwo kwanga abunganizi yagenewe n'Urugaga rw'Abavoka ashingiye kuri iyo ngingo kubera ko ubungubu adafunzwe n'Ubugenzacyaha.

Uko Urukiko rubibona.

- (17) Ingingo ya 14.3 (d) y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira mu by'imbonezamubano na politike (Pacte International relatif aux droits civils et politiques), ivuga ko umuntu wese uregwa icyaha afite uburenganzira bwo kuba mu rubanza no kwiburanira ubwe cyangwa akaburanirwa n'uwo yihitanyemo; yaba atamufite akamenyeshwa uburenganzira afite bwo kumushakira, kandi mu gihe cyose biri mu nyungu z'ubutabera, akamushyirirwaho n'inzego zibishinzwe mu gihe adafite uburyo bwo kumwishyura (*Toute personne accusée d'une infraction pénale a droit, en pleine égalité, au moins aux garanties suivantes: [...] d) à être présente au procès et à se défendre elle-même ou à avoir l'assistance d'un défenseur de son choix; si elle n'a pas de défenseur, à être informé d'en avoir un, et, chaque fois que l'intérêt de la justice l'exige, se voir attribuer d'office un défenseur, sans frais, si elle n'a pas les moyens de le rémunérer*)³.
- (18) Ingingo ya 14,6° y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda ivuga ko "uregwa mu rubanza rwimuriwe mu Rwanda ruvuye muri TPIR, mu Rwego cyangwa no mu bindi bihugu, afite uburenganzira bwo kunganirwa na Avoka yihitanyemo mu ibazwa iryo ari ryo ryose. Igihe nta bushobozi afite bwo kumuhemba ahabwa umwunganira."
- (19) Urukiko rurasanga ikibazo nyamukuru kigomba gusuzumwa muri uru rubanza, ari ukumenya niba abavoka Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Isacaar bahawe UWINKINDI Jean kumwunganira barashyizweho mu buryo bukurikije amategeko kuko ari cyo cyaburanyweho mu rubanza rwajuririwe.
- (20) Urukiko rurasanga, nyuma y'uko ku itariki ya 21/1/2015 Urukiko Rukuru, Urugereko Rwihariye ruburanisha ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi, ruboneye ko UWINKINDI Jean atagifite abamwunganira, rwafashe icyemezo cyo kwandikira Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka rumusaba kumushakira abazamwunganira ku buntu kuko nta bushobozi afite, maze ku

³ Pacte international relatif aux droits civils et politiques, ratifié par le Rwanda le 12/2/1975. D.L n° 8/75 du 12/2/1975, J.O n° du 01/03/1975, p. 230.

itariki ya 29/1/2015 agena Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Isacaar, ariko ku itariki ya 5/2/2015 bageze mu Rukiko gutangira inshingano zabo, UWINKINDI Jean arabanga avuga ko bashyizweho mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko atigeze abahitamo, Urukiko rufata icyemezo ko bagomba kumwunganira kubera ko uburyo bashyizweho bwubahirije amategeko.

- (51) Mu miburanire y'uru rubanza muri uru Rukiko, impande zombi, yaba Ubushinjacyaha, yaba UWINKINDI Jean hamwe n'abamwunganira, bahuriza ku ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru, impaka zikavukira mu myumvire ya buri ruhande kuri izo ngingo aho Ubushinjacyaha buvuga ko iyo uregwa adafite ubushobozi bwo kwiyishyurira umwunganira ataba agifite uburenganzira bwo kumwihitiramo, naho UWINKINDI Jean n'abamwunganira bo bakavuga ko n'ubwo nta bushobozi yaba afite, uregwa agumana uburenganzira bwo kwihitiramo umwunganira ababishinze bakamwishyura.
- (52) Urukiko rurasanga isesengura ry'ingingo ya 14.3 (d) y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira mu by'imbenezamubano na politike n'ya 14,6° y'Itegeko n° 47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubilika y'u Rwanda, ryumvikanisha nta gushidikanya ko ukurikiranyweho icyaha afite uburenganzira bwo kuganirwa na avoka yihitiyemo mu gihe gusa afite ubushobozi bwo kumuhemba, ariko mu gihe atabufite, akamuhabwa. Ni ukuvuga ko ashirirwaho n'inzego zibishinze (Urugaga rw'abavoka), bitabaye ngombwa ko we abigiramo uruhare.
- (53) Urukiko rurasanga nubwo mu mikorere y'izo nzego, hari igihe usanga mu kugenera ukurikiranyweho icyaha udafite ubushobozi uzamwunganira, ahabwa umwanya wo kwihitiramo umwunganira, ariko ihame, hakurikijwe ingingo z'amategeko zavuzwe haruguru, rikaba ari uko, n'ubwo ukurikiranyweho icyaha afite uburenganzira bwo guhabwa umwunganizi, ibyo ntibimuhesha uburenganzira bwo kumwihitiramo.
